**Kontakt:** *Meinolf Wacker*
*Kirchplatz 7*
*59174 Kamen*

*Mobil.:* *+49-172-5638432*
*Mail:* *m.wacker@go4peace.eu*
*Homepage* *www.go4peace.eu*

*Nyakanga 2025* *ikinyarwanda*

# Igirire icyizere!

**Sangiza abandi iby'ukwizera kuguhora ku mutima!** (reba. 1 Petr 3,15)

Nshuti bakunzi ba go4peace,

Muri uyu mwaka mutagatifu, Papa Fransiskusi aduhamagararimo kuba intumwa z'ukwizera, Halyna uturuka Kyiv, muri Ukrene, aradusangiza ibihe bikomeye by'ukwizera yanyuzemo mu buzima bwe:

„Mu bwana bwanjye nagiraga isoni cyane no kwitinya. Nk'iyo umuntu yanteragaho urwenya, nahitaga nivumbura ngataha ndira. Nyuma aho ntangiye kwiga kaminuza, natangiye gukina Volleyball. Navuye mo umukinnyi mwiza. Byamfashije gutinyuka no kumenya kwikomezamo imbaraga mu byo nkora byose. Naronse inshuti nziza mu ikipe nakinagamo. Nize kumenya nguhangana n'ubwoba bwari buntuyemo, kubuhanga amaso ndetse no kuburenga. Navuyemo umuntu wigirira icyizere kurushaho.

Ikizamini cyo gutwara ibinyabiziga cyabaye ku isonga y'ibindi byose. Nari mfite ubwoba bwinshi. Numvaga nibagiwe ibintu byose nagombaga gukora mu kizamini. Ariko numvaga ntashaka kuneshwa, ni uko ndibwira nti: 'Urabishobora!' Ibyo nari nize byose, nahise numva bigarutse, ndabyibuka. Ikizamini naragitsinze. Mwarimu wanyigishaga gutwara na we yarishimye cyane. Nahigiye ko nshobora kuba inshuti ikomeye yanjye bwite, igihe niyizeye nkizera n'ubushobozi nifitemo Imana yampaye."

Twifatanye na Halyna, muri Nyakanga dutekereze kuri iri jambo rigira riti: *Igirire icyizere!*

Kubw'itsinda go4peace Meinolf Wacker

---

P.S.: Mutinyuke gusangiza abandi ubunararibonye bwanyu kuri **go4peace App**, mu gice cyitwa **„**Discover & write**"**.